REPUBLIC OF RWANDA

LOCAL ADMINISTRATIVEENTITIES DEVELOPMENT AGENCY(LODA)
IKIGO GISHINZWE GUTEZA IMBERE IBIKORWA BY'ITERAMBERE MU NZEGO Z'IBANZE

AGENCE DE DEVELOPPEMENT DES ENTITES ADMINISTRATIVES LOCALES

B.P: 7305 Kigali, Tel: 5029, web site:& E-mail: loda@rwanda1.com/ info@loda.gov.rw

Igitabo cy'amahugurwa ngenderwaho ku mikorere y'imishinga y' ubudehe

19 December 2016

Intangiriro

Guverinoma y'u Rwanda yemera ko Umunyarwanda ari we shingiro ry'ubukungu bw'Igihugu bunahereye mbere na mbere ku miterere n'umutungo by'Igihugu. Ni yo mpamvu ishishikajwe no guteza imbere buri Munyarwanda nk'uko bigaragarira muri Gahunda Mbaturabukungu n'Icyerekezo 2020. Intego rero ni ukwihutisha iterambere ry'ubukungu mu buryo burambye, twongera umusaruro, ibipimo ngenderwaho ngengabukungu bikiyongera, u RWANDA rukava mu cyiciro cy'abakene rukazareka gusindagizwa.

Niyo mpamvu gahunda y'Ubudehe ari imwe muri gahunda za Leta y'u Rwanda igamije kurwanya ubukene hashingiwe ku ihame ry'ibikorwa bishingiye k'uruhare rw'abaturage cyangwa se "community participation". Ni gahunda kandi ishimangira politiki ya Leta yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi. Ariyo mpamvu iyi gahunda ikorera ku rwego rw'Umudugudu mu rwego rwo kumenya neza ibibazo by'abaturage n'ingamba zafatwa n'abaturage ngo bikemuke.

Ubudehe nk'uko bwahoze mu mateka y'u Rwanda, ntibushingiye ku nkunga yo hanze, ahubwo abaturage ubwabo barebera hamwe ibibazo bafite, maze bakigira hamwe uburyo bwo kubikemura. Abaturage bamaze gusesengura ibibazo byabo, bigira hamwe ingamba zo kubicyemura bahereye ku biremereye kurusha ibindi. Mu gukemura ibibazo bumvikanyeho bose, hakoreshwa ubushobozi bwabo bwite ariko mugihe hari ibikenewe kandi abatuye umudugudu batabashije kubibona mu bushobozi bwabo ni byo bishakirwa inkunga yo kubunganira. Ingamba zafashwe kuri buri kibazo, zimenyeshwa abaturage mu nama y'Umudugudu hagamijwe ko buri wese yatanga igitekerezo cye ku buryo bwo kubikemura ndetse n'uruhare rwa buri wese rukagaragara.

Bikorewe i Kigali, kuwa 16/12/2016

Umuyobozi wa LODA

Nkunda Laetitia

IBIKUBIYEMO

Intangiriro 2

Impamvu ya mahugurwa 5

Gufasha abahugurwa gusobanukirwa amahugurwa bagenewe 5

Aya mahugurwa afasha abayegenewe kumenya: 5

Intego y'amahugurwa 6

Intego rusange z'amahugurwa 6

Intego zihariye z'amahugurwa 6

1. IMITERERE YA GAHUNDA Y'UBUDEHE 8

1.1 Ubudehe ni iki? 8

1.2 Intego rusangez'Ubudehe 8

1.3 Intego zihariye z' Ubudehe 8

1.3.1 Isano -ubudehe bw'ubu n'ubwa kera : 8

1.3.2 Itandukaniro: 9

1.3.3 Ibyiciroby'Ubudehe 9

2. GUSESENGURA IBIBAZO MU MUDUGUDU 10

2.1. Kumva ibibazo 10

2.2. Gusesengura ibibazo 11

2.3. Uko isesengura rigenda 11

2.4. Ni nde uzakora iki, ryari? 11

Urugero: 12

3. ISHYIRWAMUBIKORWA RY'IMISHINGA Y'UBUDEHE 14

3.1 Ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga 14

3.2 Kugirango imishinga yatoranyijwe n'abaturage ishyirwe mu bikorwa hagombaga: 15

3.2.1 Inshingano za Komite Nshingwabikorwa 15

3.2.2.Inshingano Za Komite Ngenzuzi 15

3.3 Ikurikirana Bikorwa Ry'ubudehe 16

3.4 Inkunga y'ubudehe ikoreshwa ite? 17

4. IFISHI Y'UMUSHINGA W'UBUDEHE 18

4.1. Ifishi y'umushinga w'ubudehe w'umudugudu Iby'ingenzi biranga umushinga: 18

4.2. IFISHI Y'UMUSHINGA W'UBUDEHE Y'UMURYANGO WATORANIJWE UZAHABWA INKUNGA 21

5. Imbonerahamwe yo gutangamo raporo (Reporting Format) **24**

5.1. Reporting Format for Community projects 24

5.2.Reporting Format for HouseHold projects 25

5.3. Inshamake ku ikoreshwa ry' inkunga y' Ubudehe **26**

Umwaka w' ingengo y' imari 26

6. Kwitura (Revolving mecanism) **27**

6.1. Kwitura (Revolving Mecanism)ni iki? 27

6.2. Uburyo bwo kwitura (Revolving Mecanism) 27

Uko igikorwa cyo kwitura (Revolving mechanism) kizakorwa n'abazagikora 28

Impamvu ya mahugurwa

Aya mahugurwa azagira uruhare runini mu gufasha abahugurwa kunguka ubumenyi-ngiro buzatuma bashobora guhugura abaturage bakorana na bo.

Ni muri urwo rwego iyi mfashanyigisho yateguwe mu rwego rwo gufasha abaturage kumenya uburyo bwo gutegura imishinga y'ubudehe y'imidugudu n'ingo.

Abagenewe amahugurwa ni abakozi b'akarere, abayobozi b'abaturage ku rwego rw'imidugudu cyangwa imiryango itegamiye kuri LETA, amakoperative,Amatsinda y'abaturage n'abandi bantu bose, bashaka kugira ubumenyi kuburyo bw'imitegurire y'imishinga y'ubudehe.

Ibi bigakorwa mu ihame ry'uko Politiki ya Leta y' u Rwanda yo kwegereza abaturage ubuyobozi isabako abaturage batuye mu mudugudu runaka bagenda barushaho kugira ububasha mu gufata ibyemezo ku birebana no kurwanya ubukene. Kurushaho kongerera ubushobozi ibigo n'imiryango bitegamiye kuri Leta bizafasha mu kunoza ibyemezo bifatwa bityo bikazatuma amahugurwa atangwa agira akamaro ku buryo burambye no muburyo bwo gucunga cyangwa kunganira ibyagezweho.

Gufasha abahugurwa gusobanukirwa amahugurwa bagenewe

Umuntu uje mu amahugurwa y'abahugurirwa guhugura abandi, yagombye kuba yarasomye imfashanyigisho y'amahugurwa.Mu gutegura igitabo cy' imfashanyigisho y'amahugurwa hashingiwe ku ihame ry'uko abaza guhugurwa baba basobanukiwe umushinga kandi bakaba barafashe umwanya wo gutekereza ku bibazo n' imbogamizi bibangamira ibikorwa by' iterambere mu midugudu.

Aya mahugurwa afasha abayegenewe kumenya:

- uburyo bwo kumenya gutekereza kubibazo byugarije ubukene no kumenya kubishakira umuti
- uburyo bwo gufasha abaturage kumenya kuvugira muruhame no gutanga ibitekerezo
- uburyo bwo gufasha kugera ku ntego yo gukora ku buryo imishinga ikemura impinduka muri gahunda z'iterambere ry'abaturage.

Intego y'amahugurwa

Uruhare rw'abaturage n'ingenzi, nta gishobora kurusimbura mu ntambwe z'ibikorwa by'iterambere, ubukungu n'imibereho myiza. Kuva muntangiriro ni ngombwa ko buri wese atanga ibitekerezo bye uko abibona.igihe cyose isesengurabibazo ry'umudugudu rikorewe hamwe na ba nyirubwite bose, haba hari amahirwe menshi ko ibibazo bisuzumwa neza bagahitamo ibisubizo bishunguye kandi hagafatwa ibyemezo bifite ireme.

Isesengurabibazo ry'umudugudu bene ryo bafitemo uruhare ni kimwe mubyiciro by'ibanze byitabwaho mugukora gahunda y'iterambere ry'umudugudu .

Intego rusange z'amahugurwa

i) Gusesengura imiterere y'umudugudu wabo, ibiwukikije n'ibiwuberamo byose
ii) Kureba no kwemeza ibigomba guhinduka kugira ngo barwanye inzitizi zibangamiye ubuzima bwabo (Ubukungu, imibereho myiza, ibidukikije,..) kandi babonere ibisubizo ibyo bakeneye ibi nibi.

Intego zihariye z'amahugurwa

1. Kugaraza ibibazo by'ingutu biri mu mudugudu ;
2. Kumenya no gusesengura imibereho n'ibibazo by' ingutu by'abaturage b'umudugudu uyu n'uyu, kugirango bemeze kandi bateganye imishinga y'iterambere ;
3. Kureba ubushobozi bw'umudugudu n'ingorange uhura nazo mugushakira ibisubizo ibibazo byawo ;
4. Kwemeza ibikorwa bishoboka, hakurikijwe umutungo uhari ;
5. Kugaragaza ubushobozi bwo kubonera ibisubizo ibibazo umudugudu ufite ;
6. Gukurikirana no gusuzuma ibikorwa byateganyijwe hamwe n'ibyagezweho n'umushinga.

Isesengurabibazo ry'umudugudu beneryo bafitemo uruhare, si igikorwa cy'ingunga imwe ahubwo gishobora gusubirwamo inshuro nyinshi bibaye ngombwa, mu rwego rwo gushaka kugendera ku byemezo bihuriweho nabose no kugera ku micungire y'ibikorwa inyuze mu mucyo.

Abahugurwa bazahabwa umwanya wo "gutanga ibitekerezo" – guhabwa umwanya wo kujya impaka bari hamwe no gukora imyitozo ibafasha "kwiganauburyo bwogushyira mu ngiro ibyo bahuguwemo". Abahugura bazajya batanga amahugurwa bakoresha uburyo butuma abahugurwa bagira uruhare rufatika mu mahugurwa bahabwa. Ubwo buryo busabako utanga amahugurwa ahera ku byo abahugurwa basanzwe bazi nyuma akabungura ubumenyi bushya bagashobora kunguka amahame mashya nyuma akabaha imyitozo.

Ayo mahugurwa azasabako abahugurwa bajya ahantu aha n'aha kugira ngo barusheho gusobanukirwa ibyo bahuguwemo ndetse bakanakora imyitozo ituma ababahu[illegible]

uburyo bwo gushyira mu ngiro ibyo bahuguwemo. Ni yo mpamvu aya mahugurwa azagira uruhare runini mu gufasha abahugurwa kunguka ubumenyi-ngiro buzatuma bashobora guhugura abaturage bakorana na bo.

Ni muri urwo rwego iki gitabo cy'inyigisho cyateguwe mu rwego rwo gufasha abaturage kumenya uburyo bwo gutegura imishinga yo mu rwego rw' umudugudu ibafasha kwivana mubukene bakagira imibereho myiza

1. IMITERERE YA GAHUNDA Y'UBUDEHE

Ubudehe bwari uburyobwo guterana inkunga hagati y'abaturage baturanye ku musozi umwe, mu gukemura ikibazo kijyanye cyane cyane no guhinga, gusarura, kubaka n'ibindi,

Nyuma yo guha uwo muturage umubyizi, abaturage barahuraga bagasangira ikigage cyangwa urwagwa ari byo byitwaga ***«inzoga y'ubudehe »*** ariko n'undi wese usanze igikorwa cyarangiye yashoboraga kuyinywaho.

1.1 Ubudehe ni iki?

Ubudehe ni imwe muri gahunda za Leta y'u Rwanda igamije kurwanya ubukene hashingiwe ku ihame ry'ibikorwa bishingiye k'uruhare rw'abaturage "community participation". Ni gahunda kandi ishimangira politiki ya Leta yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi.

1.2 Intego rusangez'Ubudehe

Intego rusage y' Ubudehe ni ugusesengura imiterere y' ibibazo byugarije abanyarwanda, haba mu ubukungu, imibereho myiza, umutekano, imiyoborere myiza hagamijwe kubishakira ibisubizo birambye kandi buri muturage wese abigizemo uruhare (community participation).

1.3 Intego zihariye z' Ubudehe

Hashingiwe kumpinduka zifuzwa nyuma ya genocide yakorewe abatutsi zigamije guharanira amahoro ubumwe, ubwiyunge n'iterambere ry, Abanyarwanda, Ubudehe ni imwe muri hahunda yifashishwa mu kugera ku ntego zifuzwa arizo izi zikurikira :

- Kubanisha Abanyarwanda m'ubumwe n'ubwiyunge nyuma y'amarorerwa yabaye murwanda
- Gushyiraho uburyo bw'isesengura-miterere y'Ubukene bwakorewe ku rwego rw'Akagari/umudugudu
- Gushyira ahagaragara imiterere y'ubukene nk'uko bubonwa n'abaturage ubwabo, n'ingaruka zabwo.

- Gushyira ahagaragara ingamba abaturage bifashisha kugira ngo bahangane n'ubukene Gushyiraho uburyo (cadre, framework) :
- Gushyiraho uburyo abaturage baganiriramo ibibazo bibugarije (ku rwego rw'Umudugudu),
- Gukora igenamigambi bose babigizemo uruhare.

1.3.1 Isano -ubudehe bw'ubu n'ubwa kera :

- Guhuriza hamwe imbaraga z'abaturage ku gikorwa kigamije iterambere

- Ubusabane bw'abaturage bigaragaza imibanire myiza
- Ihuriro ryo kuganira no guhana amakuru
- Kudaheza (Abaturage bose babaga batumiwe muri rusange ari nta numwe uhejwe)
- Gushyiraho uburyo buzatuma abaturage aribo bafata iya mbere mu kurwanya ubukene,aribyo byiswe ***Ubudehe mu Kurwanya Ubukene.***
- Kwegeranya imibare n'amakuru bya ngombwa byafasha Uturere gukora igenamigambi abaturage bagizemo uruhare.

1.3.2 Itandukaniro:

- Kwegeranya imibare n'amakuru bya ngombwa byafasha uturere gukora igenamigambi abaturage bagizemo uruhare
- Ubudehe bw'ubu bushobora kwifashisha inkunga iturutse ahandi (Leta cyangwa abaterankunga)
- Ubudehe bw'ubu bukoresha n'amafaranga mu gihe ubwa kera bwakoreshaga amaboko gusa

1.3.3 Ibyiciroby'Ubudehe

Kuva 2001, Abaturage ubwabo bishyiriyeho Ibyiciro by'Ubudehe bigamije kugaragaza imibereho yabo, ni muri urwo rwego hashyizweho ibyiciro by'Ubudehe bitandatu(6) hashingiwe uko ingo zarutanaga mu mibereho.

1. Icyiciro (1) Abatindi nyakujya,
2. Icyiciro (2) Abatindi,
3. Icyiciro (3) Abakene,
4. Icyiciro (4) Abakene bifashije,
5. Icyiciro (5) Abakungu,
6. Icyiciro (6) Abakire.

Mu mwaka wa 2014, nyuma yo kubona ko imibereho y' abanyarwanda igenda irushaho kuba myiza bitewe na gahunda zitandukanye zashyizweho na Leta harimo n' Ubudehe, nyuma yo kubona kandi ko hari amwe mu mazina yakoreshawga mu byiciro by' ubudehe (urugero: Umutindinyakujya) atakijyanye n' imibereho y' abanyarwanda nkuko nabo ubwabo babihamyaga, byabaye ngombwa ko ibyiciro by' Ubudehe bivugururwa murwego rwo kubijyanisha n' igihe biva ku byiciro bitandatu bijya ku byiciro bine (4) bishingiye ku mubare aho kuba mu mazina nkuko byahoze mbere, aribyo :

Icyiciro cya mbere (1), 2.Icyiciro cya kabiri (2), 3.Icyiciro cya gatatu (3), 4.Icyiciro cya kane (4).

Muri ubu buryo bw' ibyiciro by' ubudehe bushingiye ku mibare kuva kuri 1 kugera kuri 4 bisobanuye ko uko umubare w' icyiciro wiyongera ari nako imibereho iba irushaho kuba myiza kubabarizwa muri icyo cyiciro cy' ubudehe.

2. GUSESENGURA IBIBAZO MU MUDUGUDU

Abaturage basesengura ibibazo

2.1. Kumva ibibazo

Hatumizwa inama rusange y'abaturage b'umudugudu ku bufatanye n'umuyobozi w'umudugudu

Mu nama umuyobozi w'ubudehe aha uburenganzira abantu bose kugaragaza inzitizi z'amajyambere (ibibazo bitera ubukene)

Gushyiraho amabwiriza yo gusaba ijambo n'imyitwarire mu nama (inama si isoko)

Umuturage wese usabye ijambo ararihabwa kugeza igihe ibibazo byose birangirira

2.2. Gusesengura ibibazo

Gusesengura ibibazo ni ukugira ngo herekanwe uko birutana ikibazo nyakuri kikagaragara.

Gusesengura ni umwitozo ufasha abantu kumva uko ibibazo biteye, hakabaho

n'uruhare rwa buri wese bityo icyemezo kikaba icya bose.

Isesengura rivamo igikorwa rusange kizavamo umushinga rusange (umushinga w'umudugudu)

2.3. Uko isesengura rigenda

Uyoboye inama asaba abaturage gutekereza ku bibazo bibatera ubukene (iminota 2-3)kandi muri icyo gihe kuvugana biremewe.

Nyuma y'iyo minota abaha ijambo umwe umwe hakagira ubyandika (akoresheje igikaramu kinini), kandi handikwa ibibazo byose uko byavuzwe.

Nyuma abaturage babiganiraho byose bagahitamo icyihutirwa kuruta ibindi

Gukora imbonerahamwe y'ibikorwa (activity plan) n'ibyo ugenda unyuramo kugirango ubone uburyo bukemura icyo kibazo

Ikiguzi cya buri gikorwa: Buri gikorwa kigenerwa igiciro kugirango hamenyekane amafaranga azagenda kugikorwa cyatoranyijwe.

2.4. Ni nde uzakora iki, ryari?

Abaturage bahita babonera hamwe Icyo igikorwa kizatwara (project cost estimation) n' Uruhare

bagomba kugiramo kugirango kizakemuke (community participation).

Urugero:

Table 1: umwitozo w' isesengura ry'ibibazo bitera ubukene hakurikijwe ibiremereye kurusha ibindi

AMAZINA Y'IMISHINGA	1. AMAZI	2. IVURIRO	3. ISHURI RY'INCUKE	4. AMASHANYARAZI	5. UMUHANDA	6. AMATUNGO
AMAZI	0	1	1	1	1	1
2. IVURIRO	1	0	2	2	5	6
3. ISHURI RY'INCUKE	1	2	0	4	5	6
4. AMASHANYARAZI	1	2	4	0	5	6
5. UMUHANDA	1	5	5	5	0	6
6. AMATUNGO	1	6	6	6	6	0

AMAZI(1) =10 ; IVURIRO(2)= 4 ; ISHURI RY'INCUKE(3)= 0 AMASHANYARAZI(4)= 2 ; UMUHANDA(5)= 6 ; AMATUNGO(6)=8.

Hakurikijwe imibare iva mwigereranya ry'ibibazo, amazi aza kumwanya wa mbere nk'ikibazo kirusha ibindi uburemere.

Ubwo rero ni ukuvuga ko umushinga w'uyu mudugudu ari gutunganya amazi.

No kuyindi midugudu abantu bazakoresha iyi nzira mu rwego rwo guha abaturage amahirwe yo gutekereza mbere yo guhitamo imishinga.

Nyuma yo guhitamo igikorwa kimwe, hakurikiraho gutegura umushinga 1 ari nawo mushinga w'Ubudehe muri Uwo mudugudu.

Hakurikiraho gutora umuturage ukennye kurusha abandi,ariko kandi ushoboye kuba yakurikirana umushinga runaka.Agahabwa inkunga,ariko agahitamo umushinga yumva ashoboye gucunga kandi wunguka.

NB: Uwo muturage atoranywa munama rusange y'umudugudu, abaturage bose bahari kandi bakamwumvikanaho, barangiza komite y'ubudehe ikabikorera raporo, abagize komite bakayishyiraho umukono, Umuyobozi w'umudugudu n'umunyamabanga Nshingwabikorwa w'akagari bagashyiraho umukono.

3. ISHYIRWAMUBIKORWA RY'IMISHINGA Y'UBUDEHE

3.1 Ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga

Abaturage barahura mu nama y'umudugudu bakareba ibibazo bakabisesengura bagereranya uko birutanwa, bagakora urutonde rw'ibibazo byemeranijweho n'abaturage bose.

Urutonde rumenyeshwa abaturage bose kugirango buri wese atange igitekerezo bahitamo icyihutirwa kurusha ibindi kikaba aricyo kivamo igitekerezo cy'umushinga w'umudugudu bakora inyandikomvugo.

Iyo bibaye ngombwa ko umushinga w'Umudugudu uhuza imidugudu irenze umwe cyangwa imidugudu igize Akagali kose hashyirwaho komite ihuriye kuri cya gikorwa iturutse muri ya Midugudu yose yishyize hamwe kugira ngo hanozwe imicungire y'uwo mushinga.Icyo gihe, huzuzwa ifishi imwe y'umushinga uhuriweho. Iyo fishi yuzuzwa n'umudugudu uzakorerwamo uwo mushinga.Imidugudu isigaye itazakorerwamo imishinga yandikira Akarere isaba ko inkunga y'Ubudehe yari yagenewe uwo mudugudu ishyirwa kuri konti yawa mudugudu uzaberamo uwo mushinga uhuriweho.

Icyitonderwa: Iyo abaturage bifuje ko umushinga ukorerwa ku rwego rurenze Akagali kamwe, Akarere gasaba uburenganzira (Non objection) muri LODA

Umushinga w'urugo rukennye: hakorwa inama y'abaturage bose bagatoranya ku bwumvikane urugo rukennye cyane ruzaterwa inkunga gukora inyandikomvugo y'iyo nama.

Iyo amaze kubona inkunga: agirana amasezerano n'inteko rusange ihagarariwe na komite y'ubudehe.

Ibisabwa Urugo

i. Kuba utuye mu mudugudu (atari ugucumbika)

ii. Kuba uri mu cyiciro cya mbere cy'ubudehe.

iii. Iyo nta rungo ruri mu cyiciro cya mbere cy'Ubudehe rwabasha gukoresha neza iyo nkunga muri uwo mudugudu Akarere kakabisabira uburenganzira (Non objection) muri LODA kugira ngo hafatwe mu kindi cyiciro cy'Ubudehecyangwa amafaranga akongerwa ku nkunga y'umushinga w'umudugudu ariko nabyo bimaze gusabirwa uburenganzira (Non objection) muri LODA.

iv. Kuba uwo muryango ufite imbaraga zo gukoresha inkunga

v. kuba ukuriye umuryango mu bisanzwe adasesagura ibyo ahawe (ubunyangamugayo)

3.2 Kugirango imishinga yatoranyijwe n'abaturage ishyirwe mu bikorwa hagombaga:

Buri mudugudu washyizeho komite ebyiri zikurikirana gahunda y'ubudehe (umushinga w'Umudugudu nuw'urugo rukennye, n'ibindi)

Izo komite ni: ***Nshingwabikorwa igizwe n'abantu 5, Ngenzuzi igizwe n'abantu 3.***

3.2.1 Inshingano za Komite Nshingwabikorwa

- Gushyira mu bikorwa umushinga abaturage biyemeje gukora
- Kwegeranya uruhare rw'abaturage mu mushinga;
- Gutanga raporo ku baturage rimwe mu kwezi ku munsi w'umuganda ;
- Gukurikirana igikorwa cyo kwitura;
- Gushyikiriza raporo umukuru w'umudugudu, na we akayishyikiriza umunyamabanga nshingwabikorwa w'akagali.

Komite Nshinwabikorwa iterana rimwe mu kwezi kandi manda yayo igenwa n'inteko y'umudugudu.

3.2.2.Inshingano Za Komite Ngenzuzi

- Gukurikirana ko komite nshingwabikorwa ikora neza ibyo abaturage biyemeje mu nama
- Gutanga inama kuri komite nshingwabikorwa aho bikenewe ku bufatanye n'ubuyobozi bw'umudugudu, hatumizwa inteko rusange y'umudugudu mu gihe hagaragaye ko hari amakosa yakozwe na nyobozi hagafatwa ibyemezo bikwiye;
- Gushyikiriza raporo umukuru w'umudugudu, na we akayishyikiriza umunyamabanga nshingwabikorwa w'akagari igaterana rimwe mu kwezi n'igihe bibaye ngombwa ; manda yayo igenwa n'inteko y'umudugudu.

Icyitonderwa: Kubera ko abagize komite batanga raporo zanditse ni ngombwa ko baba bazi kwandika no gusoma neza.

3.3 Ikurikirana Bikorwa Ry'ubudehe

Urwego rw'Umudugudu

Komite z'ubudehe zombi zishyira mu bikorwa umushinga, zigatanga raporo ku baturage no ku kagari; abaturage ubwabo bafite inshingano zo gukurikirana ibikorwa byabo mu nama za buri kwezi zihuza abaturage bose.

Urwego rw'Akagari

Gukurikirana no guhuza raporo z'imidugudu

Gufungura file ibikwamo raporo z'ubudehe ziturutse mu midugudu

Gushyikiriza umurenge raporo

Gutumiza inama ya komite z'ubudehe ikaba rimwe mu mezi abiri

Urwego rw'Umurenge

Gukurikirana no guhuza raporo z'ubudehe z'utugari.

Gutumiza inama zihuza abahagarariye komite nyobozi na ngenzuzi rimwe mu gihembwe.

Urwego rw'Akarere

Guhuza no gukurikirana ibikorwa by'ubudehe by'imirenge,

Gutanga raporo y'igihembwe n'izindi igihe bibaye ngombwa ku rwego rw'igihugu.

Gutumiza inama zihuza "focal points"b'ubudehe mu mirenge ziterana buri gihembwe

Urwego rw'Igihugu/LODA

Gutanga umurongo ngenderwaho no gufata ingamba;

Gukurikirana ibikorwa bya gahunda y'ubudehe;

Gutegura imfashanyigisho;

Gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda yo kongerera ubushobozi abashyira mu bikorwa Ubudehe

Ibikoresho bya ngombwa by'ikurikiranabikorwa

Ikayi (registre) y'ubudehe ku mudugudu yandikwamo ibi bikurikira:

1. Imyanzuro y'inama zose zahuje abaturage,
2. Imyanzuro y'inama za komite zombi,
3. Ibyemezo byafashwe n'inteko y'umudugudu ku birebana n'ubudehe,
4. Raporo ku ikoreshwa ry'inkunga n'iy'aho ibikorwa bigeze.

Buri mudugudu ugomba kuba ufite konti hafi ku buryo abaturage bashobora kubikuza inkunga bahabwa ku gikorwa cyabo; inkunga y'ubudehe yishyurwa uwatanze serivisi (Rwiyemezamirimo),bakorana amasezerano agaragaza ko yishyuwe;

Iyi konti kandi ifasha abaturage mu gihe bashatse gutanga imisanzu inyuranye ku bikorwa by'Ubudehe.

3.4 Inkunga y'ubudehe ikoreshwa ite?

Kunganira abaturage mu bikorwa bahisemo gukora kugira ngo bivane mu bukene.Ikoreshwa nk'imbarutso ituma abaturage bagira aho bahera. (ntabwo ari ikuguzi (total cost) cy'umushinga kandi ntabwo ikuraho na rimwe uruhare rw'abaturage ku mushinga. Ikoreshwa ku bikorwa by'umushinga abaturage badafitiye ubushobozi (urugero: kugura ciment, impombo z'imiyoboro y'amazi, amatungo..), ntishobora gukoreshwa mu kubaka inzu z'ubuyobozi nk'ibiro by'akagari cyangwa umudugudu,....

Inkunga y'Ubudehe yagenewe Umudugudu yoherezwa kuri compte y'Ubudehe bw'Umudugudu iri mu kigo cy'Imari gikora kuburyo bwemewe n'amategeko. Urugero: Umurenge SACCO

Depenses/ expenditures zigomba kugira inyandiko kugirango komite ikorere raporo inteko y'umudugudu mbere y'uko hasabwa ikindi gice cy'inkunga gikurikiyeho.

amafaranga akoreshwa nyuma y'uko ushinzwe ubudehe ku rwego rw'umurenge (social affairs) amaze gusuzuma ibigiye gukorwa na raporo y'ikoreshwa ry'icyiciro kirangiye umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge ni we wemeza ko ayo mafaranga abikuzwa.

4. IFISHI Y'UMUSHINGA W'UBUDEHE

REPUBLIC OF RWANDA

LOCAL ADMINISTRATIVEENTITIES DEVELOPMENT AGENCY(LODA)
IKIGOGISHINZWEGUTEZAIMBEREIBIKORWABY'ITERAMBERE MU NZEGOZ'IBANZE

AGENCE DE DEVELOPPEMENT DES ENTITES ADMINISTRATIVES LOCALES

B.P: 7305 Kigali, Tel: 5029, web site:www.loda.gov.rw& E-mail: loda@rwanda1.com/
info@loda.gov.rw

4.1. Ifishi y'umushinga w'ubudehe w'umudugudulby'ingenzi biranga umushinga:

IZINA RY'UMUSHINGA:

AHO UMUSHINGA UBARIZWA:

UMUDUGUDU	AKAGARI	UMURENGE	AKARERE	INTARA

INTEGO Z'UMUSHINGA: .....

ABO UMUSHINGA UZAGIRIRA AKAMARO MURI RUSANGE:.....

IGIHE UMUSHINGA UZAMARA/ UBURAMBE BW'UMUSHINGA: .....

AGACIRO KOSE K'UMUSHINGA(Frw):.....

URUHARE RW'ABATURAGE(Frw):.....

INKUNGA Y'UBUDEHE(Frw):.....

No YA KONTI Y'UMUDUGUDU/UBUDEHE.....

URUTONDE RW'IBIZAKENERWA N'AGACIRO KABYO:

No	Ibikenewe/Igikorwa	Ingano	AgacirokaKimwe	Agacirokabyose(Frw)
01				
02				
03				
04				
05				
06				
07				
08				
.....				
IGITERANYO (Agaciro kose k'umushinga(frw)				

NB: Ibizakenerwa byose n'agaciro kabyo bigomba kuzuzwa muri iyi mbonerahamwe

Bikorewe ,i.....Kuwa.....

KomiteNshingwabikorwa y'Ubudehek'Umudugudu

No	Icyo ashinzwe	Amazinayombi	No y'irangamuntu	Umukono
1	President			
2	V/President			
3	Umwanditsin'umubitsi			
4	Umujyanama			
5	Umujyanama			

Komite Ngenzuzi y'Ubudehe k'Umudugudu

No	Icyo ashinzwe	Amazinayombi	No y'irangamuntu	Umukono
1	President			
2	V/President			
3	Umwanditsi/Umujyanama			

Amazina n'Umukono by'Umuyobozi w'Umudugudu:

Amazina n'Umukono by'UmunyamabangaNshingwabikorwa w'Akagali na Cachet

REPUBLIC OF RWANDA

LOCAL ADMINISTRATIVEENTITIES DEVELOPMENT AGENCY(LODA)
IKIGOGISHINZWEGUTEZAIMBEREIBIKORWABY'ITERAMBERE MU NZEGOZ'IBANZE

AGENCE DE DEVELOPPEMENT DES ENTITES ADMINISTRATIVES LOCALES

B.P: 7305 Kigali, Tel: 5029, web site:www.loda.gov.rw& E-mail: loda@rwanda1.com/
info@loda.gov.rw

4.2. IFISIII Y'UMUSHINGA W'UBUDEHE Y'UMURYANGO WATORANIJWE UZAHABWA INKUNGA

AMAZINA Y'UKURIYE UMURYANGO WATORANIJWE:.....

ID: Nimero y'indanagamuntu y'ukuriye urugo

IBY'INGENZI BIRANGA UMUSIIINGA:

IZINA RY'UMUSHINGA:.....

AIIO UMUSHINGA UBARIZWA:

UMUDUGUDU	AKAGARI	UMURENGE	AKARERE	INTARA

INTEGO Z'UMUSHINGA:.....

ABO UMUSHINGA UZAGIRIRA AKAMARO MURI RUSANGE:.....

IGIIIE UMUSHINGA UZAMARA:.....

AGACIRO KOSE K'UMUSHINGA(Frw):.....

URUIIARE RW'UMURYANGO WATORANIJWE (Frw):.....

INKUNGA Y'UBUDEIIE(Frw):.....

URUTONDE RW'IBIZAKENERWA N'AGACIRO KABYO:

No	Ibikenewe/Igikorwa	Ingano	AgacirokaKimwe	Agacirokabyose(Frw)
01				
02				
03				
04				
05				
06				
07				
08				
09				
....				
IGITERANYO (Agaciro kose k'umushinga(frw)				

NB: 1. Ibizakenerwa byose n'agaciro kabyo bigomba kuzuzwa muri iyi mbonerahamwe

2. Umushinga w'urugo ugomba kuba ubyara inyungu kugirango umuntu azashobore kwitura umudugudu; urugero ubucuruzi ubworozi,...

Bikorewe i.....Kuwa.....

KomiteNshingwabikorwa y'Ubudehek'Umudugudu

No	Icyo ashinzwe	Amazinayombi	No y'irangamuntu	Umukono
1	President			
2	V/President			
3	Umwanditsin'umubitsi			
4	Umujyanama			
5	Umujyanama			

Komite Ngenzuzi y'Ubudehe k'Umudugudu

No	Icyo ashinzwe	Amazinayombi	No y'irangamuntu	Umukono
1	President			
2	V/President			
3	Umwanditsi/Umujyanama			

Amazina n'Umukono by'Umuyobozi w'Umudugudu:

Amazina n' Umukono by'UmunyamabangaNshingwabikorwa w'Akagali na Cachet

5. Imbonerahamwe yo gutangamo raporo (Reporting Format)

5.1. Reporting Format for Community projects

No	Project Title	Sector	Cell	Village	Starting Date of Project	Project Cost	LODA Contribution	Community contribution (Estimated in RWF)	Other contribution	Amount sent to Village	Date of transfer to village	Account Number	Bank name/Branch	Planned quantity of project	Realised Quantities				Project total realised quantity	Comments
															Q1 (July - Sept)	Q2 (Oct - Dec)	Q3 (Jan - Mar)	Q4 (Apr - June)		
														Quantity / %	Quantity / %	Quantity / %	Quantity / %	Quantity / %	Quantity / %	
1																				
2																				
3																				

Prepared by

Approved by

5.2.Reporting Format for HouseHold projects

N0	HH Head Name	Sector	Cell	Village	Sex (M/F)	Project Title	Starting Date of Project	Project Cost	Own contribution (if any)	Community contribution	Amount transfered to the beneficiary account	Date of transfered to the beneficiary account	Account Number	Bank name/Branch	Comments
1															
2															
3															
…															

Prepared by

Approved by

5.3. Inshamake ku ikoreshwa ry' inkunga y' Ubudehe

Umwaka w' ingengo y' imari……..

N 0	DISTRICTS	Number of Community projects	Number HH projects	Budget for FY	Transfer received by Districts(A)	Amount transfered to Sectors(B)	Amount transfered to villages(C)	LODA Contribution used by villages (D)	Total balance				Example
									Balance at district E= (A-B or C If District transfer to viallages)	Balance at sectorF= (B-C) or F= 0 If District transfer to viallages	Balance at villageG = (C-D)	Total H= (E+F+G)	
	XXXXX			150,000,000	140,000,000	120,000,000	110.000.000	100,000,000	20.000.000	10.000.000	10.000.000	40.000.000	Ex. Of Districts which transferred to Sectors
	YYYYYY			200.000.000	200.000.000	-	180,000,000	150.000.000	20.000,000	0	30,000,000	50,000.000	Ex. Of Districts which transferred to Villages
	AAA								-	0	-	-	
	BBB								-	0	-	-	
	CC								-	0	-	-	

6. Kwitura (Revolving mecanism)

Kuva mu myaka wa 2001 Kugeza mu mwaka wa 2015/2016, Gahunda y'Ubudehe imaze gutanga inkunga ingana na **30,065,086,348 FRw** mu byiciro bitandukanye aribyo:

2001-2002 (Icyiciro cy'igerageza), 2005-2006, 2007-2008, 2011-2012, 2012-2013, 2013-2014 ,2014-2015 2015/2016. Iyo nkunga ikaba yaraje kunganira imishinga rusange y'Umudugu n'imishinga y'ingo zikennye;

6.1. Kwitura (Revolving Mecanism)ni iki?

Kwitura (Revolving Mecanism), ni uburyo bwo kwitura bukorwa n'umuryango waremewe n'umudugudu muri gahunda y'ubudehe.Uwo muryango witura umudugudu , kuko uba warahawe itungo,amafaranga cyangwa ikindi icyo aricyo cyose, kikaba cyarabashije kumubyarira inyungu.

6.2. Uburyo bwo kwitura (Revolving Mecanism)

Imishinga y'ingo zikenye zaremewe, zigahabwa inkunga yo kwivana mu bukene, biciye mu mishinga ibyara inyungu. Urugo rwahawe inkunga rwagomba kwitura umudugudu kuko ariwo wabaga wabaremeye; Umudugudu nawo wahitaga wongera uka remera undi muryango bigakomeza gutyo gutyo…

Kubyerekeye umushinga rusange w'Umudugudu bitewe n'ubwoko bw'uwo mushinga byagaragaye ko nawo ushobora kwisanga muri gahunda yo kuremerana no kwitura.

Urugero: Umushinga rusange w'umudugudu w'ubworozi bw'ihene, inka, Urusyo (Moulin)…

- **Ni nde witura?** Hitura Umuryango uba warahawe inkunga muri gahunda y'Ubudehe.
- **Yitura nde?** Yitura Umudugudukuko aba ariwo uba wararemeye uwo muryango.
- **Kwitura bikorwa hashize igihe kingana iki?** Kwitura bigenwa n'inteko rusange y'Umudugudu, ndetse bakagena n'icyo umuryango waremewe uzitura. Kwitura bikorwa mugihe bigaragaye y'uko uwahawe iyo nkunga yamwungukiye.
- **Kwitura bimaze iki?** Kwitura ni umuco nyarwanda ugaragaza urukundo, imibanire myiza, ubusabane, ukunyurwa, ubufatanye, ubwiyunge mu banyarwanda. Kwihutisha kuzamura imibereho myiza(kugera ku bantu benshi mu gihe gito/vuba

Uko igikorwa cyo kwitura (Revolving mechanism) kizakorwa n'abazagikora

1. Umudugudu:

Uzakusanya urutonde rw'ingo zatewe inkunga kuva gahunda y'Ubudehe yatangira kugeza ubu; ndetse unagaragaze uko ingo zagiye zitura n'uwagiye ahabwa inyiturano yituwe ubitangemo raporo ku kagari;

2. **Akagari:** Gafite inshingano yo guhuza no kungenzura raporo zijyanye n'igikorwa cyo kwitura mu midugudu yose, ka kanayishyikiriza Umurenge;

3. **Umurenge:** Uhuza raporo y'Utugali ukanayishyikiriza Akarere;

4. **Akarere:** Gahuza raporo y'Imirenge ka kanatanga raporo ku rwego rw'Igihugu (LODA)

5. **LODA:** ifite Inshingano yo gukusanya raporo zose z'Uturere, gushyiraho politike yo kunoza imigendekere myiza yo kwitura, no gutangaza imibare yo ku rwego rw' Igihugu yavuye mu kwitura kuva ubudehe bwatangira.

Bikorewe I Kigali kuwa ..19/12/2016.

Biteguwe na :

Mr. GATSINZI Justine

Umuyobozi w'Ishami rya Porogaramu zo kurengera abatishoboye muri LODA

Byemejwe na :

Mrs NKUNDA Laetitia

Umuyobozi Mukuru wa LODA